**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

# ITANGAZO

## <u>GUSUBUKURA AMATORA YUZUZA INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI</u>

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko yasubukuye amatora yuzuza Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali yari yasubitswe kubera COVID-19. Ayo matora azaba ku itariki ya 05/03/2022. Gahunda y'ayo iri kuri Website ya Komisiyo no mu nzego bireba mu Mujyi wa Kigali no mu Turere tuwugize.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izakira kandidatire ku myanya ibiri (umugabo n'umugore) y'Abajyanama rusange b'Umujyi batorwa mu Karere ka Nyarugenge, guhera ku wa 10-19/02/2022, ziyongera kuri kandidatire yari yakiriye mbere y'isubikwa. Kandidatire zitangwa hakoreshejwe ikoranabukanga (online), icyarimwe ku miyoboro ibiri: nyarugenge20@nec.gov.rw no kuri nyarugenge21@nec.gov.rw.

Kandidatire igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1. Ibaruwa itanga kandidatire ku bumujyanana, yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
2. Umwirondoro (CV) utaburamo itariki n'aho yavukiye, aho atuye, icyo akora n'aho akorera;
3. Fotokopi y'Ikarita ndangamuntu;
4. Fotokopi y'Impamyabumenyi/impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri w'umwimerere;
5. Icyemezo cy'Ubutabera (Criminal Record) kitarengeje amezi atandatu;
6. Ifoto imwe (1) ngufi y'ibara (passeport) iri muri JPG kandi yafatiwe ku rukuta rwera;
7. Inyandiko yemeza ko inyandiko atanze zihuje n'ukuri.

Abakandida bazaba babyemerewe baziyamamaza hahoreshejwe ikoranabuhanga (online) mu minsi ine (01-04/03/2022), biyamamaze kandi imbere y'Inteko itora, tariki ya 05/03/2022, guhera isaa yine (10:00am), mbere y'uko amatora atangira.

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/02/2022.

Digitally signed by NEC(Chairman)

**Prof. KALISA MBANDA**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora